REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°12/2019: **Taliki ya 01–30 Mata 2019**

Ryoherejwe kuwa 2 Gicurasi 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Mata 2019; cyagaragaje imvura yabaye nkeya ku bupimiro bwihariye bwa Kigali, Bugarama, Rusizi, Rubavu, Ngoma, Busogo, Musanze and Byimana; ahandi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri uko kwezi
- **Ububobere bw'ubutaka** bwagaragaje impinduka mukwiyongera ndetse burongera buranagabanuka mu bice byinshi by'igihugu aho amashusho yerekana ubuhehere bwinshi kugeza kubuhagije (buri mu rugero)
- **Ukwezi kwa Gicurasi_2019;** hateganyijwe imvura izaba nyinshi mu majyaruguru y'Uburengerazuba; amajyepfo y'Uburasirazuba ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo kurusha ahandi mu gihugu

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Mata 2019; cyagaragaje imvura yabaye nkeya ku bupimiro bwihariye bwa Kigali, Bugarama, Rusizi, Rubavu, Ngoma, Busogo, Musanze and Byimana; ahandi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri uko kwezi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Mata_2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mata_2019	Mata
Kigali	94.9	162.9
Rusizi	149.3	159.9
Rubavu	125.1	146.9
Nyamagabe	235.7	172.1
Ngoma	124.4	170.3
Gicumbi	235.4	166.5
Busogo	171.8	184.5
Bugarama	90.8	145.9
Musanze	167.9	187.1
Gitega	149.6	100.1
Rubengera	143.3	121.2
Byimana	111.6	184.4
Kawangire	187.0	161.0
Nyagatare	105.0	103.4



Igishushanyo1: Imbonerahamwe ya1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mata_2019; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Werurwe_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Mata_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Mata



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Werurwe_2019



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Werurwe



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mata_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Mata 2019; cyagaragaje imvura yabaye nkeya ku bupimiro bwihariye bwa Kigali, Bugarama, Rusizi, Rubavu, Ngoma, Busogo, Musanze and Byimana; ahandi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri uko kwezi (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Werurwe 2019; cyagaragaje ko imvura yabaye nke kuyari isanzwe iboneka, uretse mu gihugu hagati hagaragaye imvura iri ku kigero cy'iyari isanzwe ihagwa muri uko kwezi (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mata 2019 igice cya mbere Ikarita6: Mata 2019 igice cya kabiri Ikarita7: Mata 2019 igice cya gatatu

Muri Mata_2019; amafoto y'icyogajuru yerekana ubwiyongere bw'ubuhehere mu gice cya 2 kubera imvura yagiye yiyongera muri buri gice (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Mata; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gicurasi_2019

Ibihe by'imvura bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kwa Gicurasi_2019; mu byumweru bibiri bya mbere by'uku kwei hakazaboneka imvura izaba nyinshi mu majyaruguru y'Uburengerazuba; amajyepfo y'Uburasirazuba ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo kurusha ahandi mu gihugu:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm120 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm150 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm150 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm50 kugeza kuri mm180 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm180 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Gicurasi.2019 kuva taliki ya 01 kugeza taliki 07 Ikarita8: Gicurasi.2019 kuva taliki ya 08 kugeza taliki 14

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)